**IMYANZURO IGOMBA GUSHYIRWA MU BIKORWA YEMEJWE N'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO YATERANYE KU WA 30 NZERI 2014, IGASUBIKWA NYUMA IGASUBUKURA IMIRIMO YAYO KU WA 05 UKWAKIRA 2014**

| INGINGO ZASUZUMWE | NO Y'UMWANZURO WEMEJWE | UMWANZURO WEMEJWE |
|---|---|---|
| **Ingingo ya mbere**: Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama yateranye ku wa 29.8.2014 | Umwanzuro No 41.01. 538 | Inama Njyanama y'Akerere ka Gasabo yemeje inyandikomvugo irambuye y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yateranye ku wa 29 Kanama 2014 barnaze kuyikorera ubugororangingo.<br><br>Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama20/20 bari mu cyumba cy'inama |
| **Ingingo va Kabiri**: Raporo y'ibikorwa by'Akarere y'umwaka wa 2013-2014. | Umwanzuro No 41.02. 539 | Inama Njyanama imaze kugaragaza ubugororangingo bwakongerwa muri raporo y'ibikorwa by'Akarere 2013-2014, no gusanga hari ibisobanuro byinshi bikwiye gutangwa kuri raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari 2013-2014, hemejwe ko iyi nama yasubikwa ikazasubukurwa ku cyumweru tariki ya 5 Ukwakira 2014 saa yine za mu gitondo hamaze kongerwamo ubugororangingo. Hemejwe kandi ko Komite Ngenzuzi yazasuma ko ubugororangingo bwatanzrve bwongewemo ndetse igasuzuma n'ibisobanuro by'abatekinisiye ku mikoreshereze y'Ingengo y'imari.<br><br>Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama22/22 bari mu cyumba cy'inama. |
| | **Umwanzuro No 41.03. 540** | Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko Abagenzuzi Bwite b'Akarere bajya bahabwa draft ya raporo ya buri kwezi iba izohererezwa Minecofin mu rwego rwo gusuzuma mbere kugira ngo batange inama kandi amakosa akosorwe hakiri kare.<br>Inama Njyanama<br><br>Uyu mwanzuro wemejwe n'abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama. |

| | | |
|---|---|---|
| | **Umwanzuro No 41.04. 541** | Inama Njyanama yemeje raporo y'ibikorwa by'Akarere by'umwaka wa 2013-2014, ikubiyemo raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari imaze kuyikorerera ubugororangingo.<br><br>Uyu mwanzuro wemejwe n'abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama. |
| | **Umwanzuro No 41.05. 542** | Inama Njyanama imaze gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'Akarere 2013-2014, igasanga mu ivugururwa ryayo harabayemo ikinyuranyo cya miriyari enye yari yarakoreshejwe atarabazwe mu ngengo y'imari ivuguruye, bityo bikagaragara ko ingengo y'imari ivuguruye yemejwe ari miriyari cumi n'imwe na miriyoni magana atandatu na makumyabiri n'eshanu n'ibihumbi magana atanu na mirongo itatu na bitandatu n'ijana na mirongo cyenda n'arindwi (11,625,536,197), aho kuba miriyari cumi n'eshanu na miriyoni magana cyenda n'ebyiri n'ibihumbi magana abiri na mirongo itatu na birindwi na magana arindwi na mirongo itandata n'atandatu (15,902,237,766), Inama Njyanama yasubiye ku mwanzuro No 34.5.458 yemeza ko wandikwa mu buryo bukurikira: Ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2013-2014 ingana na miriyari cumi n'eshanu na miriyoni magana cyenda n'ebyiri n'ibihumbi magana abiri na mirongo itatu na birindwi na magana arindwi na mirongo itandatu n'atandatu by'amafaranga y'u Rwanda (15,902,237,766 FRW).<br>Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 20/20 bari mu cyumba cy'inama. |
| **Ingingo ya gatatu :** Raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu<br><br>**3.1. Ibipimo by'imisoro n'amahoro bizakoreshwa mu mwaka wa 2014-2015** | **Umwanzuro No 41.06. 543** | Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko mu masezerano y'imicungire y'irimbi hagati ya Rwiyemezamirimo ucunga irimbi ry'i Rusororo n'Akarere hagaragaramo ko yajya akora inyemezabwishyu yihariye igaragaza amahoro ya frw 5000 yakwa umuntu wabuze uwe kandi aya mafaranga akaba atagomba guhindura ibiciro byemeranyijweho kuri buri mva.<br><br>Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama |

| | | |
|---|---|---|
| | **Umwanzuro No 41.07. 544** | Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko abasora bajya bagenerwa umwanya bagaragarizamo uruhare rwabo mu gutanga ibitekerezo byo kugena ibiciro by'imisoro n'amahoro mbere yuko byemezwa ; ndetse na nyuma yo kubyemeza bakagenerwa umwanya wo kubisobanurirwa.<br><br>Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama |
| | **Umwanzuro No 41.09. 546** | Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ibipimo by'imisoro n'amahoro bizakoreshwa mu uyu mwaka 2014-2015, yemeje kandi ibiciro by'ubukode bw'ubutaka byemejwe bizakoreshwa mu mwaka w'imisoro wa 2015.<br><br>Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama |
| 3.2.**Gusuzuma gahunda y'ibikorwa by'Akarere by'umwaka wa 2014-2015** | **Umwanzuro No 41.10. 547** | Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo imaze gusanga ibigenerwa abagize Komite y'ibidukikije ku rwego rw'Akarere, bidahagije yasabye Komite Nyobozi ko byazasubirwamo mu ivugurura ry'ingengo y'imari y'umwaka 2014-2015 kuko amafranga y'abateganirijwe atabafasha kurangiza neza inshingano zabo.<br><br>Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 20/20 bari mu cyumba cy'inama. |
| | **Umwanzuro No 41.11. 548** | Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komite Nyobozi y'Akarere kwandikira umufatanyabikorwa MARIE MERCIE Ltd wubaka isoko rya Mulindi, bamusaba kugaragaza road map kandi bakamuha n'igihe yaba yarangirije kubaka iryo soko, atabishobora akazamburwa ubutaka yahawe. Komite Nyobozi yasabwe kandi kuzageza ku Nama Njyanama raporo y'aho bizaba bigeze mu nama itaha y'Inama Njyanama.<br><br>Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 20/20 bari mu cyumba cy'inama. |

| | | |
|---|---|---|
| | **Umwanzuro No 41.12. 549** | Inama Njyanama y'Akarere Gasabo yemeje gahunda y'ibikorwa by'Akarere y'umwaka wa 2014-2015 imaze kongerwamo ubugororangingo bwatanzwe.<br><br>Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 20/20 bari mu cyumba cy'inama. |
| 3.3.**Gahunda y'itangwa ry'amasoko y'Akarere y'umwaka wa 2014-** | **Umwanzuro No 41.13. 550** | Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje gahunda yitangwa ry'amasoko y'Akarere y'umwaka wa 2014-2015, basaba ko Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yazabanza igasuzuma ko ubugororangingo bwatanzwe bwongewemo mbere y'uko yohererezwa inzego zibishinzwe.<br><br>Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 20/20 bari mu cyumba cy'inama. |
| **3.4. Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo y'Akarere** | **Umwanzuro No 41.14. 551** | Inama Njyanama imaze gusuzuma imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo yemerewe Akarere ka Gasabo yemeje ko, ku mwanya wa "Accountant" w'Akarere hongerwamo undi mwanya ikaba imyanya 3 aho kuba 2 nk'uko yari iteganyijwe. *Nyuma yo kugisha inama*<br><br>Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 19/19 bari mu yumba cy'inama. |
| **<u>Ingingo ya kane</u>:** Raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza.<br><br>**4.1.Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo y'Akarere** | **Umwanzuro No 41.15. 552** | Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo yemejwe, itazashyiriramo abakozi rimwe kubera ko bitateganyijwe mu ngengo y'imari, ahubwo ko Akarere kazajya kagenda gashyiramo abakozi uko ubushobozi buzajya bugenda buboneka.<br><br>Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 19/19 bari mu yumba cy'inama. |
| **<u>Ingingo ya gatanu</u>:** Ikibanza cyarimo Akagari ka Kamatamu gisanzwe mu mutungo rusange gisabirwa kujya mu mutungo bwite w'Akarere | **Umwanzuro No 41.18. 555** | Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo ishingiye ku Itegeko No 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo yaryo ya 87 ivuga ko "Umutungo w'Umujyi wa Kigali n'uw'Akarere ugizwe n'umutungo bwite n'umutungo rusange.Ibigize umutungo rusange ntibishobora gutangwa kandi ntawe ushobora kubyiyegurira. Icyakora, Inama Njyanama ishobora kwemeza ko ibintu bigize umutungo rusange biba umutungo |

| | | |
|---|---|---|
| | | bwite" yemeje ko Ikibanza gifite UPI: 1/02/07/01/686 kiri mu Murenge wa Kacyiru, Akagali ka Kamatamu kemejwe mu rwego rw'umutungo bwite w'Akarere.<br><br>Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama |
| **<u>Ingingo ya gatandatu</u>:** Raporo y'ibikorwa by'abagize Komite Nyobozi ku bijyanye n'inshingano zabo | **Umwanzuro No 41.19. 556** | Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje raporo y'Umuyobozi wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage imaze kuyikorera ubugororangingo.<br><br>Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama |
| **Ingingo ya 7** : Ikiruhuko cy'abagize Komite Nyobozi | **Umwanzuro No 41.20. 557** | Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje gahunda y'ikiruhuko cy'umwaka cy'Umuyobozi w'Akarere ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu mu Karere ka Gasabo ku mwaka wa 2014-2015, ko azagitangira kuva ku itariki ya 6 Ukwakira 2014 kikarangira ku itariki ya 4 Ugushyingo 2014.<br><br>Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama |

Bikorewe i Gasabo ku wa 21 Ukwakira 2014.

<u>Umwanditsi w'inama</u>

**MUKESHIMANA Régine**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo

<u>Umuyobozi w'inama:</u>

**MUNYENTWARI Alfred**
Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo